# Min. MUSAFILI YATANGIJE IGIHEMBWE CY'IHINGA 2024A

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda Dr. Musafili Ildephonse yifatanyije n'abahinzi bakorera muri koperative COAMALEKA ikorera ubuhinzi mu gishanga cya Gikoro gifite ubuso bwa 86ha kikaba kiri hagati y'Imirenge ya Karama, Gacurabwenge na Rukoma; gutegura intabire no gutera imbuto y'ibigori.



Ni igikorwa cyabaye kuwa 25 Nzeri 2023, kikaba cyaritabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice, Umuyobozi w'Akarere ka Kmaonyi Dr. Nahayo Sylvere, VM Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel, abagize inzego z'umutekano (Police & Ingabo z'Igihugu) ku Ntara ndetse no ku rwego rw'Akarere, abafatanyabikorwa muri gahunda z'ubuhinzi barimo Umuyobozi w'umushinga TUBURA ku rwego rw'Igihugu, abayobozi muri RAB, abanyamuryango ba koperative COAMALEKA, abajyanama b'ubuhinzi.



Nyuma yo gutera ibigori, habayeho inama yahuje Minisitiri n'abaturage aho yashishikarije abahinzi guhinga kinyamwuga kugira ngo umusaruro ukomeze kwiyongera.





# INAMA Y'UMUTEKANO YASABYE KO HASHYIRWA IMBARAGA MU GUKUMIRA IBIZA



Tariki 27 Nzeri 2023, ku Karere habereye inama y'umutekano yaguye y'Akarere iyobowe na Dr.Nahayo Sylvere Umuyobozi w'Akarere. Abitabiriye barebeye hamwe uko umutekano wifashe, ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage n'imigendekere y'igihembwe cy'hinga 2024 A, haganiriwe kandi kuri gahunda zo gukumira Ibiza muri iki gihe cy'imvura turimo.

Inama yitabiriwe na VM ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umuyobozi w'Ingabo mu Turere twa Kamonyi, Muhanga, Ruhango, Nyanza na Huye, Umuyobozi wa Polisi mu Karere n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere.

Iyi nama yari yatumiwemo abayobozi b'Imirenge, abayobozi ba sitasiyo za Polisi mu Mirenge, abahuzabikorwa ba DASSO mu Mirenge, abakuriye inkeragutabara mu Mirenge n'abakozi bakorera ku Karere barebwaga n'ingingo zaganiriweho.







# UMUHANGO WO GUSHYIRA UMUKONO KU MASEZERANO Y'IMIHIGO Y'URUBYIRUKO

Ku biro by'Akarere tariki 22 Nzeri 2023 habereye igikorwa cyo gusinya imihigo y'urubyiruko y'uyu mwaka wa 2023-2024 ni imihigo ikubiye mu nkingi z'ubukungu, imibereho myiza n'imiyoborere myiza n'ubutabera



Iki gikorwa cyayobowe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. NAHAYO Sylvere, cyitabirwa n'abagize komite nyobozi y'Inama y'Igihugu y'urubyiruko ku rwego rw'Akarere, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakozi bashinzwe urubyiruko ku Mirenge n'abahuzabikorwa b'Inama y'Igihugu y'urubyiruko ku Mirenge.



Umuyobozi w'Akarere akaba yasabye ko buri gikorwa kiri mu mihigo yasinywe kigomba kugerwa kugerwaho 100% kandi uru rubyiruko rwiyemeje kuzesa iyi mihigo.





# HABAYE INAMA KURI GAHUNDA Z'UBUREZI MU KARERE

Tariki 14 Nzeri 2023 muri GS Rosa Mystica Kamonyi habereye inama y'uburezi yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylivere. Iyi nama kandi yanitabiriwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Abiyingoma Gerard. Muri iyi nama hagarutswe ku myiteguro y'itangira ry'umwaka w'amashuri uzatangira tariki 25 Nzeri 2023, imicungire y'ibigo n'ingamba zo gukomeza guteza imbere uburezi mu Karere, isuku n'isukura, haganiriwe kandi ku buryo bushya bw'itangwa ry'isoko ryo kugaburira abana ku ishuri mu mwaka w'amashuri wa 2023/2024





Iyi nama yatumiwemo Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abakozi bashinzwe uburezi mu Mirenge, abayobozi b'Ibigo by'amashuri, ba nyir'ibigo byaba ibyigenga cyangwa ibifashwa na Leta, hari kandi abarimu bahagarariye abandi mu bigo by'amashuri.





# I MASAKA HATANGIRIJWE URUGERERO RW'INKOMEZABIGWI ICYICIRO CYA XI

Hirya no hino mu Mirenge igize akarere ka Kamonyi habereye igikorwa cyo gutangiza Urugerero rudaciye ingando.

Mu Kagari ka Masaka Umurenge wa Rugalika, niho habereye ku rwego rw'Akarere igikorwa cyo gutangiza ku mugaragaro Urugerero icyiciro cya XI. Ni gahunda yaranzwe no gushyira ibuye ry'ifatizo ahazubakwa "Igihango cy'Urugano Center", iki kigo kikaza kizaba gihurijwemo serivisi zimokatanyije zifasha urungano ku rungano (,gutoza ishyaka ry'u Rwanda, icyumba cy'imikino gakondo, serivisi z'Igororero ry'abafite ubumuga", servisi z'ubuzima bw'imyororokere, isomero rusange ry'abaturage, icyumba cyo kwigiramo umuziki,ibibuga by'imyidagaduro ).







Urugerero rwatangijwe na Guverineri w'INtara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice ari kumwe na bamwe mu bagize Inama y'Umutekano itaguye y'Intara. Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, abafatanyabikorwa by'umwihariko abiyemeje gutanga ingishywa zizafasha kugera kuri uyu muhigo.



ubuyobozi bw'Akarere bwamurikiwe ingishywa yatanzwe n'umufatanyabikorwa SEVOTA ya sheki ya miliyoni 2, habayeho kandi gushyira umukono ku masezerano y'imihigo yasinywe hagati y'intore yo ku mukondo n'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rugalika.



# HAKIRIWE INDAHIRO Z'ABANYAMAHANGA 7 BAHAWE UBWENEGIHUGU BW'U RWANDA

Ku gicamunsi tariki 15 Nzeri 2023, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari kumwe n'uwari uhagarariye urwego rw'Igihugu rushinzwe abinjira n'abasohoka bwana Rusanganwa Jean Damascene; Umuyobozi w'Akarere yakiriye indahiro z'abanyamahanga 7 bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda.



Ni umuhango wabereye ku biro by'Akarere hakaba hakiriwe indahiro z'Abarundi 3, Abagande 2, Umubirigi 1 n'undi 1 ukomoka muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo; ni nyuma y'ubusabe bwabo no kuzuza ibisabwa n'amategeko y'u Rwanda



Indahiro zabo bazikoze imbere y'umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi. Aba bahawe ubwenegihugu bw'u Rwanda uko ari 7 bahawe ikaze mu muryango mugari w'abana b'u Rwanda.Umuyobozi w'Akarere yabasabye gukomeza gutanga umusanzu wabo mu kubaka igihugu cyabo cy'u Rwanda.



Igikorwa cyitabiriwe na VM ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee, n'Umuyobozi w'Ingabo mu Karere ka Kamonyi.

# HAKOZWE AMAHUGURWA KU MISORO N'AMAHORO KU BASORA BASHYA

Tariki 26 Nzeri 2023 mu cyumba cy'nama ku Karere VM Ushinzwe ubukungu bwana Niyongira Uzziel yitabiriye amahugugurwa yagenewe abasora bashya hagamijwe guha ubumenyi aba basora binjiye muri business vuba ngo basobanukirwe ibyibanze ku misoro, uko itangwa n'ingaruka bigira ku mucuruzi wanyuranyije n'amabwiriza.






Gahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Urugaga rw'Abikorera mu Karere bwana Munyankumburwa Jean Marie amahugurwa akaba yatanzwe n'abakozi ba Rwanda Revenue Authority. Amahugurwa yatanzwe na bwana Nsengiyumuremyi Jean Guillaume umukozi wa RRA Ushinzwe amahugurwa mu kigo cya Rwanda Revenue ku rwego rw'Igihugu.






# INAMA KURI GAHUNDA Z'IMIBEREHO MYIZA MU KARERE





Tariki 13 Nzeri 2023 biro by'Akarere kuwa 13 Nzeri 2023, Soeur MUKARUBAYIZA Donathile yayoboye inama ya komisiyo y'imiyoborere myiza mu Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere-JADF.




Iyi nama yitabiriwe n'abahagarariye ONG afite ibikorwa bitandukanye byo mu nkingi y'imibereho myiza.

Hagarutswe ku mihigo y'Akarere ka Kamonyi umwaka wa 2023-2024 yo mu nkingi y'imibereho myiza, ibikorwa by'Abafatanyabikorwa bizakorwa muri uyu mwaka wa 2023-2024 byo mu nkingi y'imibereho myiza.



Ubuyobozi bw'Akarere bwashimye uruhare rw'abafatanyabikorwa mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage abasaba gukomeza kugira uruhare mu kwesa imihigo y'uyu mwaka nkuko bisanzwe.




# INAMA YA KOMITE ISHINZWE GUKUMIRA IMIRIMO IKORESHWA ABANA





Tariki 26 Nzeri 2026 ku biro by'Akarere ka Kamonyi habereye inama ya Steering Committee yo kurwanya imirimo ibujijwe ku bana, inama yayobowe n' Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Imibereho myiza Mme Uwiringira Josée .

Inama yarebye ku migendekere y'amahugurwa y'inzego z'ibanze ku mirimo ibujijwe ku bana n'imyanzuro yafashwe , n'ibyavuye mu bugenzuzi bwakozwe mu Mirenge, harebwa n'ingamba zafatwa mu gukomeza kurwanya imirimo ibujijwe ku bana



.



# IBIKORWA BY'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE









Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere Bwana NYONI Emilien Lambert tariki 29 Nzeri 2023 yayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi. Hagarutswe ku ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro r'inama iheruka yateranye muri Kanama 2023. Icyo gihe abajyanama bunguranye ibitekerezo kuri raporo z'amakomisiyo agize Inama Njyanama ku bikorwa bitandukanye bakoze harimo gusura Imirenge harebwa imishinga ihari, uburyo icunzwe no kujya inama ku bikwiye kunozwa; hanagarutswe ku bipimo by'imisoro n'amahooro bishya ibi bikazatangira gukurikizwa igihe bizaba bimaze kunozwa no kwemezwa n'Inama Njyanama.

Haganiriwe kuri gahunda yo gutanga ingurane (expropriation) ku baturage babaruwe ndetse babariwe mu mbago z'ikorwa ry'umuhanda wa kaburimbo Gihara-Nkoto.

# URUZINDUKO RWA AMBASADERI W'UBUDAGE MU KARERE




Kuwa 18 Nzeri 2023 Ambasaderi w'Ubudage mu Rwanda Mme Heike Uta Dettman ari kumwe n'Umuyobozi ushinzwe gahunda z'Imiyoborere myiza muri Ambassade n'abahagarariye imishinga y'Abadage ishyira mu bikorwa gahunda z'ubufatanye mu guteza imbere imiyoborere myiza ariyo GIZ Rwanda yari ihagarariwe n'Umuyobozi w'Ishami ry'Imiyoborere myiza Mme Sophia Mwekali, .

KFW yari ihagarariwe na Pascale Magin bagiriye uruzinduko rw'akazi mu Karere mu rwego rwo guhura n'abakorerabushake ba Transparency Rwanda mu Karere na bamwe mu bagenerwabikorwa bafashijwe muri gahunda yo kuzahura ubukungu ku bagenerwabikorwa ba VUP Financial Service bahuye n'ingaruka za Covid-19.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Transparency Rwanda bwana Appolinaire Mupiganyi niwe wari uhagarariye uyu muryango muri iki gikorwa.





# HAKOZWE UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NZERI

Tariki 30 Nzeri 2023, hirya no hino mu Karere, abayobozi n'abaturage bafatanyije mu bikorwa by'umuganda rusange usoza ukwezi kwa Nzeri. Mu Karere, umuganda wibanze ku gufata neza ibikorwaremezo by'imihanda,kurwanya isuri, kubaka ibibuga by'imyidagaduro no kubakira imiryango y'abatishoboye.

Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere ari yifatanyije n'abatuye mu Mudugudu wa Rugobagoba akagari ka Kigembe, gutunganya ikibuga cy'umupira gihari cyari cyarangiritse mu rwego rwo guteza imbere ibikorwaremezo by'imikino mu guharanira ubuzima bwiza bw'abaturage.

Umuganda witabiriwe kandi na Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere bwana NGIRINSHUTI Fidele,abakozi bakorera ku karere, hari kandi abakozi b'Irembo bari bayobowe na Mme NYINAWINKINDI Liliose umukozi w'Urubuga rw'Irembo ku cyicaro gikuru, rufasha mu kwishyura serivisi za Leta hifashishijwe ikoranabuhanga.

Nyuma y'umuganda hatanzwe ubutumwa ku kwicungira umutekano, kwitabira igihembwe cy'ihinga, hagarutswe ku bumwe bw'abanyarwanda, ukwezi k'ubumwe n'ubudaheranwa, kwizihiza umunsi w'abageze mu zabukuru.








NewsLetter yatunganyijwe na:
Faustin NTAKIRUTIMANA
"Public Relations, Media & Communications"